RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2024 Tariki 07-11 Kamena




## Football : Amavubi akomeje kuyobora itsinda C

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football :** Amavubi akomeje kuyobora itsinda C

P2 **Basketball :** Habaye umwiherero w'abana b'Abanyarwanda baba muri USA na Canada

P2 **Skating :** Habaye irushanwa ryo Kwibuka

P3 **Athletics :** Habaye Marato Mpuzamahanga ya Kigali ku nshuro 19

P4 **Badminton :** Habaye irushanwa ryo Kwibuka

P4 **Basketball :** Habaye imikino ya shampiyona

P5 **Football :** Rutsiro FC yegukanye shampiyona y'icyiciro cya kabiri 2023-2024

P5 **Cricket :** Uganda yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P6 Hasojwe amarusanwa "Amashuri Kagame Cup 2023-2024"

P6 **Rugby :** Kamonyi Panthers na Rams zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P7 **Rally :** Habaye irushanwa ryo Kwibuka

P7 **Karate :** The Champion Sports Academy yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P8 **Table Tennis :** Habaye irushanwa ryo Kwibuka

P8 **Volleyball :** REG VC na RRA VC zegukanye irushanwa ryo kwibuka Rutsindura

# Football : Amavubi akomeje kuyobora itsinda C

Tariki 05 kugeza 11 Kamena 2024 habaye imikino y'umunsi wa 3 n'uwa 4 mu matsinda mu gushaka itike y'igikombe cy'Isi "FIFA World Cup 2026".

Mu itsinda C, ikipe y'u Rwanda "Amavubi" yakinnye imikino ibiri aho tariki 06 Kamena 2024 yatsinzwe na Benin igitego 1-0 naho tariki 11 Kamena 2024 itsinda Lesotho igitego 1-0 cyatsinzwe na Jojea Kwizera.

Nyuma yo gutsinda Lesotho, ikipe y'u Rwanda yakomeje kuyobora itsinda C n'amanota 7, ikurikiwe na South Africa, Benin nazo zifite amanota 7. Ku mwanya wa 4 hari Lesotho n'amanota 5, Nigeria ku mwanya wa 5 n'amanota 3 naho Zimbabwe iri ku mwanya wa 6 n'amanota 2.

Biteganyijwe ko imikino y'umunsi wa 5 n'uwa 6 izaba muri Werurwe 2025 aho Amavubi azakira Nigeria na Lesotho.

**Uko imikino yo mu itsinda C yagenze**

**Tariki 06-06-2024**
- Benin **1-0** Rwanda

**Tariki 07-06-2024**
- Zimbabwe **0-2** Lesotho
- Nigeria **1-1** South Africa

**Tariki 10-06-2024**
- Benin **2-1** Nigeria

**Tariki 11-06-2024**
- South Africa **3-1** Zimbabwe
- Lesotho **0-1** Rwanda








| GROUP A | MP | PTS |
| --- | --- | --- |
| EGYPT | 4 | 10 |
| GUINEA-BISSAU | 4 | 6 |
| BURKINA FASO | 4 | 5 |
| SIERRA LEONE | 4 | 5 |
| ETHIOPIA | 4 | 3 |
| DJIBOUTI | 4 | 1 |

| GROUP B | MP | PTS |
| --- | --- | --- |
| SUDAN | 4 | 10 |
| SENEGAL | 4 | 8 |
| DR CONGO | 4 | 7 |
| TOGO | 4 | 3 |
| SOUTH SUDAN | 4 | 2 |
| MAURITANIA | 4 | 1 |

| GROUP C | MP | PTS |
| --- | --- | --- |
| RWANDA | 4 | 7 |
| SOUTH AFRICA | 4 | 7 |
| BENIN | 4 | 7 |
| LESOTHO | 4 | 5 |
| NIGERIA | 4 | 3 |
| ZIMBABWE | 4 | 2 |

| GROUP D | MP | PTS |
| --- | --- | --- |
| CAMEROON | 4 | 8 |
| LIBYA | 4 | 7 |
| CAPE VERDE | 4 | 7 |
| ANGOLA | 4 | 6 |
| MAURITIUS | 4 | 4 |
| ESWATINI | 4 | 0 |





## **Basketball :** Habaye umwiherero w'abana b'Abanyarwanda baba muri USA na Canada

Tariki 08 na 09 Kamena 2024 muri Texas muri USA habereye umwiherero w'iminsi ibiri wahuje abana b'Abanyarwanda bakina basketball baba muri USA na Canada "Rwanda Youth Basketball Camp 2024".

Uyu mwiherero ukaba wari wateguwe mu rwego rwo gushakisha abana bafite impano bafite hagati y'imyaka 13 na 19 kugira ngo mu minsi iri imbere bazahamagarwe mu ikipe y'igihugu mu byiciro bitandukanye.

Umutoza mukuru w'ikipe y'igihugu y'u Rwanda, Dr. Cheikh Sarr n'umuyobozi wa Tenikike mu ishyirahamwe ry'umukino wa Basketball mu Rwanda "FERWABA", Mutokambali Moise ni bo bakoresheje uyu mwiherero.










## **Skating :** Habaye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 08 Kamena 2024 i Musanze habereye irushanwa ry'umukino wa Skating mu rwego rwo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Skating Genocide Memorial Tournament 2024".

Iri rushanwa ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Skating mu Rwanda "RSF" ku bufatanye na Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS" na Komite Olempike y'u Rwanda "RNOSC".










# 3 Athletics : Habaye Marato Mpuzamahanga ya Kigali ku nshuro 19

Tariki 9 Kamena 2024 mu Mujyi wa Kigali habaye Marato Mpuzamhanga ya Kigali yitiriwe Amahoro “International Kigali Peace Marathon 2024”.

Iri siganwa ryari ribaye ku nshuro ya 19 ryitabiriwe n’abantu basaga ibihumbi 10 bari baturutse mu bihugu 34 hirya no hino ku Isi.

**Uko isiganwa ryagenze**

Kigali International PEACE MARATHON 09 JUNE 2024 — ELITE LABEL WORLD ATHLETICS ROAD RACE 2024

HALF MARATHON 21.097 KM WINNER TOP 8 ATHLETES

FEMALE CATEGORY 2024

| PLC | BIB | NAMES | NATION | TIME |
|---|---|---|---|---|
| 1. | 1039 | MOSETI. WINFRIDAH MORAA | KENYA | 1:12:50 |
| 2. | 5537 | CHERUIYAT, VIVIAN JEPKOGEL | KENYA | 1:14:01 |
| 3. | 1001 | IMANIZABAYO, EMELINE | RWANDA | 1:14:02 |
| 4. | 1004 | UWIZEYIMANA, JEANNE GENTILLE | RWANDA | 1:14:20 |
| 5. | 1211 | SONGOL, GLADYS JEBET | KENYA | 1:14:40 |
| 6. | 1005 | NIYONKURU, FLORENCE | RWANDA | 1:14:43 |
| 7. | 5538 | TIRAP, NELLY JEPLETING | KENYA | 1:15:30 |
| 8. | 1003 | IBISHATSE, ANGELIQUE | RWANDA | 1:15:33 |

Kigali International PEACE MARATHON 09 JUNE 2024 — ELITE LABEL WORLD ATHLETICS ROAD RACE 2024

HALF MARATHON 21.097 KM WINNER TOP 8 ATHLETES

MEN CATEGORY 2024

| PLC | BIB | NAMES | NATION | TIME |
|---|---|---|---|---|
| 1. | 5066 | LANGAT, FRANCIS KIPKORIR | KENYA | 1:04:05 |
| 2. | 5623 | LANGAT, LEONARD KIPKOECH | KENYA | 1:04:24 |
| 3. | 5001 | MUTABAZI, EMMANUEL | RWANDA | 1:04:27 |
| 4. | 5186 | KIPLETING, JACKSON | KENYA | 1:04:47 |
| 5. | 5685 | MUHITIRA, FELICIEN | RWANDA | 1:04:55 |
| 6. | 5648 | KOSGEI, NICOLAS | KENYA | 1:04:58 |
| 7. | 5351 | GEMEDA, DEMISU ANEGAGRENG | ETHIOPIA | 1:05:08 |
| 8. | 5448 | FESTUS KIPRONO, CHERUIYOT | KENYA | 1:05:13 |

Kigali International PEACE MARATHON 09 JUNE 2024 — ELITE LABEL WORLD ATHLETICS ROAD RACE 2024

FULL MARATHON 42.195 KM WINNER TOP 8 ATHLETES

FEMALE CATEGORY 2024

| PLC | BIB | NAMES | NATION | TIME |
|---|---|---|---|---|
| 1. | 503 | JOAN, KIPYATICH | KENYA | 2:33:27 |
| 2. | 505 | MESERET, ABEBAYEHU | ETHIOPIA | 2:36:08 |
| 3. | 648 | FLORENCE, CHEPSOI JEPKOSGEI | KENYA | 2:39:34 |
| 4. | 504 | BEYENU, DEGEFA | ETHIOPIA | 2:43:26 |
| 5. | 507 | SHEILA, CHEPKECH | KENYA | 2:43:32 |
| 6. | 502 | GEBAYNESH, AYELE | ETHIOPIA | 2:45:49 |
| 7. | 508 | LILLIAN, JEBITOK | KENYA | 2:46:42 |
| 8. | 631 | BERO, LELSE BIRHANU | ETHIOPIA | 2:48:12 |

Kigali, June, 9th
www.kigalimarathon.org

Kigali International PEACE MARATHON 09 JUNE 2024 — ELITE LABEL WORLD ATHLETICS ROAD RACE 2024

FULL MARATHON 42.195 KM WINNER TOP 8 ATHLETES


MEN CATEGORY 2024

| PLC | BIB | NAMES | NATION | TIME |
|---|---|---|---|---|
| 1. | 402 | KORIR, LABAN KPNGETICH KORIR | KENYA | 2:16:06 |
| 2. | 261 | KIPLAGAT, CORNELUS KIBET | KENYA | 2:16:18 |
| 3. | 21 | MENGICH, MOSES | KENYA | 2:18:38 |
| 4. | 264 | CHEMWENO, MICAH KIPKOSGEI | KENYA | 2:18:46 |
| 5. | 13 | HITIMANA, NOEL | RWANDA | 2:19:01 |
| 6. | 14 | NIZEYIMANA, ALEXIS | RWANDA | 2:19:30 |
| 7. | 49 | AKANKWASA, JONATHAN | UGANDA | 2:20:02 |
| 8. | 268 | KIPSANG, KIPKEMOI | KENYA | 2:20:41 |

Kigali, June, 9th
www.kigalimarathon.org

Republic of Rwanda Ministry of Sports — Rwanda Convention Bureau — RWANDA ATHLETICS FEDERATION — CANAL+ — MTN — VISIT RWANDA






## **Badminton :** Habaye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 09 Kamena 2024 muri Maison de Jeunes Kimisagara habereye irushanwa ry'umukino wa Badminton mu rwego rwo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iri rushanwa ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Badminton mu Rwanda "RBSF" ku bufatanye na Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS" na Komite Olempike y'u Rwanda "RNOSC".








## **Basketball :** Habaye imikino ya shampiyona

Tariki 07 kugeza 09 Kamena 2024 habaye imikino ya shampiyona Basketball mu cyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore n'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**

**Icyiciro cya mbere**
**Mu bagabo**

**Tariki 07-06-2024**
- APR BBC **141-47** Inspired Generation

**Tariki 09-06-2024**
- Kepler BBC **89-37** Inspired Generation
- Orion BBC **67-69** Espoir BBC
- Kigali Titants **40-98** Patriots BBC

**Mu bagore**
**Tariki 08-06-2024**
- REG BBC **115-25** UR BBC
- The Hoops BBC **64-70** GS Gahini

**Icyiciro cya kabiri**
**Mu bagabo**
**Tariki 08-06-2024**
- AZOMCO **88-43** UR Huye BBC
- IPRC Musanze **86-48** Agahozo Shalom
- Virunga BBC **75-53** Kicukiro Buckets
- ITS Kigali **61-45** Black Thunders

**Tariki 09-06-2024**
- Elite BBC **61-59** Uok BBC
- Rebero BA **20-0** Nyagatare BBC
- IPRC Huye **85-98** Flame
- IPRC Kigali **67-61** The Hoops Juniors




## **Football :** Rutsiro FC yegukanye shampiyona y'icyiciro cya kabiri 2023-2024

Tariki 08 Kamena 2024 ni bwo hasojwe shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu mupira w'amaguru mu bagabo "FERWAFA Second Division Men League 2023-2024". Ikipe ya Rutsiro FC yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Vision FC ibitego 2-1.

Aya makipe yombi akaba yaranabonye itike yo kuzakina shampiyona y'icyiciro cya mbere umwaka utaha w'imikino wa 2024-2025 ayo yasimbuye, Etoile de l'Est FC na Sunrise FC zamanutse mu cyiciro cya kabiri.








## **Cricket :** Uganda yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 30 Gicurasi kugeza 8 Kamena 2024, ku kibuga Mpuzamahanga cy'umukino wa Cricket giherere i Gahanga habereye irushanwa mpuzamahanga ryo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Kwibuka Women's T20 Tournament 2024".

Iri rushanwa ryari ribaye ku nshuro ya 10 ryitabiwe n'amakipe 8 ari yo Botswana, Cameroun, Kenya, Malawi, Nigeria, Uganda, Zimbabwe n'u Rwanda. Aya makipe yakinnye hagati yayo hanyuma ikipe ya mbere ikina n'iya kabiri mu guhatanira igikombe.

Ikipe ya Uganda yari yasoje ari iya mbere yatsinze ku mukino wa nyuma Zimbabwe naho ikipe y'u Rwanda yari ifite igikombe giheruka muri 2023 itsinda Nigeria mu guhatanira umwanya wa 3.


Mbere yo gutangira irushanwa, abitabiriye bose basuye urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ruherereye i Nyanza ya Kicukiro.

**Uko amakipe yakurikiranye**

1. Uganda
2. Zimbabwe
3. Rwanda
4. Nigeria
5. Kenya
6. Botswana
7. Malawi
8. Cameroun





## Hasojwe amarusanwa "Amashuri Kagame Cup 2023-2024"

Tariki 09 Kamena 2024 mu Karere ka Muhanga hasorejwe imikino ihuza amashuri "Amashuri Kagame Cup 2023-2024" .

**Uko imikino ya nyuma yagenze**

**Football Boys**
- APE Rugunga **1-0** ES Gasiza

**Football Girls**
- GS Remera Rukoma **4-0** CFC Rwamagana

**Handball Boys**
- ADEGI **25-18** ES Kigoma

**Handball Girls**
- Kiziguro SS **40-29** ES Nyagisenyi

**Rugby**
- Gitisi TSS **28-7** Kayenzi TSS

**Netball**
- GS Gahini **32-18** ESC Musanze







## **Rugby :** Kamonyi Panthers na Rams zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 08 Kamena 2024, ku kibuga cy'ishuri rya Camp Kigali habereye irushanwa ry'umukino wa Rugby mu rwego rwo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Genocide Memorial International Rugby Sevens Tournament 2024".

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 10 mu bagabo aho yari mu matsinda 3, itsinda A ryari rigizwe na Lions de Fer, UR Grizzlies na Puma. Itsinda B ririmo Rams, Muhanga Thunders na UR Rukara naho itsinda C rigizwe na Kigali Sharks, Resilience, Burera Tigers na Rwamagana Hippos.

Mu bagore yari amakipe 6 aho yari mu matsinda 2, itsinda A ryari rigizwe na Kigezi Queens, UR Grizzlies na Burera Tigers naho itsinda B ririmo Kamonyi Panthers, UR Rukara na Ruhango Zebras.

Ikipe ya Rams yo muri Uganda mu bagabo yegukanye igikombe itsinze Lions de Fer yo mu Rwanda amanota 24 kuri 7. Ikipe ya Rams yari yageze ku mukino wa nyuma isezereye muri ½ ikipe ya Resilience naho Lions de Fer ikuramo Kigali Sharks.

Ikipe ya Resilience yegukanye umwanya wa 3 itsinze Kigali Sharks.

Mu bagore ikipe ya Kamonyi Panthers yatsinze Ruhango Zebras binyuze muri Tombola, nyuma y'uko amakipe yombi asoje umukino anganya amanota 5-5. Muri ½, Kamonyi Panthers yari yasezereye Burera Tigers naho Ruhango Zebras isezerera Kigezi Queens. Ikipe ya Burera Tigers yegukanye umwanya wa 3 nyuma yo gutsinda Kigezi Queens.







## **Rally :** Habaye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 8 Kamena 2024 muri BK Arena habereye irushanwa ryo Kwibuka mu mukino wo gusiganwa mu modoka “Rally” ariko hakoreshejwe ikoranabuhanga “E-Sports”.

Iri rushanwa rikaba ryarateguwe n’ishyirahamwe ry’umukino wa Rally mu Rwanda “RAC” mu rwego rwo Kwibuka ku nshuto ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mbere y’iri rushanwa abitabiriye bose basuye urwibutso rwa Jonoside yakorewe Abatutsi ruherereye i Nyanza ya Kicukiro.









## **Karate :** The Champion Sports Academy yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 08 Kamena 2024 muri Ecole Notre Dame des Anges i Remera mu Mujyi wa Kigali habereye irushanwa ry’umukino wa Karate mu rwego rwo Kwibuka ku nshuro ya 30 abari mu muryango mugari wa siporo bazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 “The Karate Genocide Memorial Tournament 2024”.

Iri rushanwa ryari ryateguwe n’ishyirahamwe ry’umukino wa Karate mu Rwanda “FERWAKA” ku bufaranye na Minisiteri ya Siporo “MINISPORTS” na Komite Olempike y’u Rwanda “RNOSC”.

Amakipe 6 mu bagore na 15 mu bagabo ni yo yitabiriye aho yakinnye mu byiciro bibiri birimo Kwiyereka “Kata” ndetse no Kurwana “Kumite”.

Ikipe ya The Champions Sports Academy ni yo yitwaye neza iza ku mwanya wa mbere aho yegukanye imidali 2 ya Zahabu n’undi wa Feza.Ku mwanya wa kabiri haje The Great Warriors naho ku mwanya wa 3 haza Agahozo Shalom.

Mbere y’irushanwa abakinnyi, abayobozi n’abatoza basuye urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ruherereye i Nyanza ya Kicukiro ndetse banaremera uwarokotse mu rwego rwo kumufasha kwiteza imbere.









## **Table Tennis :** Habaye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 08 na 09 Kamena 2024 mu Kigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare "NISR" mu Mujyi wa Kigali habereye irushanwa ry'umukino wa Table Tennis mu rwego rwo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Table Tennis Genocide Memorial Tournament 2024".

Mu bagabo, Masengesho Patrick yegukanye irushanwa atsinze ku mukino wa nyuma Muyisenge Devoir de Dieu amaseti 3-2 (11-7, 11-9, 10-12, 9-11, 11-6) naho mu ngimbi "Juniors", Shimirwa Blaise yegukanye igikombe atsinze Mugisha Isaïe amaseti 3-0 (11-9, 11-9, 11-7). Mu batarengeje imyaka 12, Shukuru Ebonga yatwaye igikombe atsinze Gisubizo King ku mukino wa nyuma.

Mu bagore, Tumukunde Hervine yegukanye igikombe atsinze Hirwa Kelia amaseti 3-2, mu bangavu, igikombe gitwarwa na Ishimwe Sonia atsinze Ntakirutimana Solange amaseti 3-0, mu bato (U-12), igikombe cyatwawe na Diane Uwase atsinze Kamikazi Elizabeth ku mukino wa nyuma.







## **Volleyball :** REG VC na RRA VC zegukanye irushanwa ryo kwibuka Rutsindura

Tariki 08 na 09 Kamena 2024 i Huye habereye irushanwa ngarukamwaka ryo kwibuka Rutsindura Alphonse wahoze ari umwarimu mu ishuri rya Petit Séminaire Virgo Fidelis akaba yarishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iri rushanwa ryari ribaye ku nshuro ya 20 ryegukanwe n'ikipe ya REG VC mu bagabo itsinze ku mukino wa nyuma Gisagara VC amaseti 3-2 (25-19,25-19, 22-25,22-25 na 15-08).

Mu bagore, ikipe ya RRA VC yegukanye igikombe itsinze APR VC amaseti 3-1 (13-25, 25-16, 25-23, 25-21).

Muri "Junior", GSOB yatsinze PSVF amaseti 3-2 (23-25,23-25, 25-19,29-27 na 15-13) ndetse no muri "O'level", GSOB itsinda PSVF amaseti 3-2 (25-8,25-14,21-25,17-25 na 15-11).

Mu cyiciro cy'abakanyujijeho, ikipe y'abize muri PSVF yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Relax.

Muri Beach Volleyball, ikipe ya Kwizera Pierre Marshal afatanyije na Kansiime Kagarama Julius ni yo yegukanye igikombe.








RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave